AMABWIRIZA AGENGA AMATORA Y'INZEGO Z'AMAKOPERATIVE ATANGA SERIVISI YO GUTWARA ABANTU KU MAPIKIPIKI (Motorcycles Cooperatives)

Hashingiwe ku itegeko n° 48/2013 ryo ku wa 28/06/2013, rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere amakoperative rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya gatatu igika cya 3.

Hashingiwe ku itegeko n° 50/2007 ryo ku wa 18/09/2007, rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'amakoperative mu Rwanda, nkuko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngigo iya 57, iya 67, n'iya 70 bis.

Hashingiwe kandi ku Mabwiriza n°001/2013 yo ku wa 05/12/2013 agena uko abagize inzego z'Amakoperative n'abakozi bakuru bazo bagomba kwitwara mu mirimo yabo;

Mu rwego rwo gufasha amakoperative akora umwuga wo gutwara abantu ku mapikipi mu Rwanda kurushaho gukora neza, abanyamuryango babigizemo uruhare;

Ikigo cy'igihugu gishinzwe gutera imbere Amakoperative (RCA) gishyizeho amabwiriza akurikira agenga amatora mu nzego z'amakoperative y'ibanze, mu Mahuriro no mu Mpuzamahuriro, akora umwuga wo gutwara abantu ku mapikipiki:

Ingingo ya mbere : Icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza agamije kunoza no gutunganya igikorwa cy'amatora y'abagize inzego (Inama y'Ubuyobozi, abagize Inama y'Ubugenzuzi n'intumwa) mu Makoperative y'ibanze y'abamotari, Amahuriro n'Impuzamahuriro.

Ingingo ya 2: Abo aya mabwiriza areba

Aya mabwiriza areba by'umwihariko Amakoperative yose afite intego yo gutanga serivisi zijyanye no gutwara abantu hakoreshejwe amapikipiki, Amahuriro n'Impuzamahuriro yayo.

Ingingo ya 3: Ibisabwa kubatorerwa imyanya y'ubuyobozi

Kugira ngo umuntu abe umwe mu batorerwa kujya mu nzego z'ubuyobozi bwa koperative (Inama y'ubuyobozi, Inama y'ubugenzuzi n'intumwa mu nzego zisumbuye), asabwa ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyamuryango wemewe kandi wujuje ibisabwa na koperative.
2. Kuba yaratanze umugabane wose mu mari shingiro ya koperative.
3. Kuba yujuje imyaka 21 y'amavuko.
4. Kuba atarakatiwe burundu n'inkiko igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) mu myaka itanu (5) ibanziriza amatora, azira uburiganya,

RWANDA COOPERATIVE AGENCY

ubuhemu, gucunga nabi umutungo, byose bihanwa n'amategeko ahana, cyangwa se igihe yaba ashyirwa mu majwi muri raporo iy'iperereza, cyangwa iy'ubugenzuzi (audit) yakozwe hakurikijwe itegeko rigenga Amakoperative.

5. Kuba atari umukozi uhembwa ku buryo buhoraho na koperative (Umucungamutungo, Umucungamari, Umubitsi,Ushinzwe umutekano n'abandi.....)
6. Kuba adakora ku buryo buziguye cyangwa butaziguye imirimo ipiganwa cyangwa ihanganye n'iya koperative (Gucuruza moto, Gucuruza ibyuma bya moto n'ibindi)
7. Kuba atarayoboye koperative ngo ihombe, iseswe cyangwa ngo ifungwe n'ubuyobozi kubera imikorere mibi.
8. Kuba ataravuye mu yindi koperative y'abamotari kubera imyitwarire idahwitse.
9. Kuba abagize inzego z'ubuyobozi badafitanye amasano ya hafi.(Abiyamamaza)
10. Kuba akunda koperative kandi ashyira inyungu zayo imbere y'inyungu ze bwite.
11. Kuba akorera muri demokarasi, mu mucyo no kubaha abandi banyamuryango.
12. Kuba akorana neza n'inzego z'ibanze kandi yubahiriza gahunda za Leta.
13. Kuba intangarugero mu mvugo no mu bikorwa cyane cyane bikorwa n'abamotari.
14. Kumva ko umuyobozi akorera abandi nta mushahara kandi igihe cyose yemera ko yabazwa ibyo ashinzwe atakoze neza.
15. Kuba atari tereriyo,nyamwigendaho,cyangwa gukorera mu bwiru mu kazi ke ka buri munsi.
16. Kuba yemera kunengwa no guhwiturwa n'abanyamuryango bangenzi bawe n'izindi nzego zifite mu nshingano amakoperative.
17. Kuba atari umuyobozi mu nzego za Leta.
18. Kuba yubahiriza inshingano asabwa muri koperative (Umugabane, Umusanzu, kugira ipikipiki imwanditseho, kwitabira inama no gutanga ibitekerezo byubaka)

Ingingo ya 4: Inteko itora.

Inteko itora mu Makoperative y'ibanze igizwe n'abanyamuryango bose bujuje ibisabwa n'amategeko n'amabwiriza agenga amakoperative.

Mu Mahuriro, Inteko itora igizwe n'intumwa zaturutse mu Makoperative atandukanye yiyemeje gufatanya n'andi gukorera hamwe mu Ihuriro.

Mu Mpuzamahuriro, Inteko itora igizwe n'intumwa zaturutse mu Mahuriro yiyemeje gufatanya n'andi gukorera hamwe mu Ihuriro.

Abiyamamaza cyangwa abamamazwa ku rwego urwo arirwo rwose, bakemerewa gutorerwa ku myanya itegenyijwe, bagomba kuba bujuje ibisabwa n'amategeko, amabwiriza agenga amakoperative ndetse n'amabwiriza yihariye ajyanye n'amatora.

Ingingo ya 5: Umubare w'abazatorwa.

A. Mu Makoperative y'ibanze y'abamotari:

- Hatorwa abantu batanu (5) bagize Inama y'Ubuyobozi ya Koperative (Board of directors).
- Hatorwa abantu batatu (3) bagize Inama y'Ubugenzuzi (Supervisory committee).
- Hatorwa abantu batanu (5) bagize Intumwa za Koperative y'ibanze mu Ihuriro.

B. Mu Mahuriro:

- Hatorwa abantu batanu (5) bagize Inama y'Ubuyobozi y'Ihuriro (Board of directors).
- Hatorwa abantu batatu (3) bagize Inama y'Ubugenzuzi (Supervisory committee).
- Hatorwa abantu batanu (5) bagize Intumwa z'Ihuriro mu Mpuzamahuriro.

C. Mu Mpuzamahuriro :

- Hatorwa abantu batanu (5) bagize Inama y'Ubuyobozi y'Impuzamahuriro (Board of directors).
- Hatorwa abantu batatu (3) bagize Inama y'Ubugenzuzi (Supervisory committee).
- Hatorwa abantu batanu (5) bagize Intumwa z'Impuzamahuriro mu Urugaga.

Ingingo ya 6: Amatora y'Intumwa mu Makoperative y'ibanze

Intumwa zihagararira Koperative y'ibanze mu Ihuriro ni eshanu (5). Zitorwa n'Inteko rusange ya Kopertive mu banyamuryango bitabiriye inama. Ihame ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo rigomba kubahirizwa. Abatorwa bagomba kuba bujuje ibisabwa mu ngingo ya gatatu (3).

Abagize inzego, urw'Ubuyobozi n'urw'Ubugenzuzi, nabo bemerewe kwiyamamaza no gutorwa nk'Intumwa za Koperative y'ibanze mu Ihuriro.

Ingingo ya 7: Amatora y'abagize Inzego n'Intumwa z'Ihuriro

Intumwa zaturutse muri buri Koperative y'ibanze **zihura nibura mu minsi itatu (3) ikurikira amatora** kugira ngo zikore Inteko rusange y'Ihuriro. Intumwa zitwaza urwandiko rwa Koperative rugaragaza ko arizo zatorewe guhagararira Koperative yazo mu Ihuriro.

Inteko rusange y'Ihuriro yitoramo abagize Inama y'Ubuyobozi, abagize Inama y'Ubugenzuzi n'intumwa zizahagararira Ihuriro mu Mpuzamahuriro. Ihame ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo rigomba kubahirizwa.

Abagize inzego, urw'Ubuyobozi n'urw'Ubugenzuzi, nabo bemerewe kwiyamamaza no gutorwa nk'Intumwa za Koperative mu Mpuzamahuriro.

Ingingo ya 8: Amatora y'Intumwa mu Mpuzamahuriro

Mu Mpuzamahuriro, buri Huriro ry'Amakoperative rihagararirwa n'abantu batanu (5) batorwa n'Inteko Rusange y'Ihuriro. Ihame ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo rigomba kubahirizwa.

Intumwa zaturutse muri buri Huriro **zihura nibura mu minsi itatu (3) ikurikira amatora** kugira ngo zikore Inteko rusange y'Impuzamahuriro. Izo ntumwa zitwaza urwandiko rw'Ihuriro rugaragaza ko arizo zatorewe guhagararira Ihuriro mu Mpuzamahuriro.

Inteko rusange y'Impuzamahuriro igizwe n'izo ntumwa zaturutse mu Mahuriro yitoramo abagize Inama y'Ubuyobozi, abagize Inama y'Ubugenzuzi n'intumwa zizahagararira Impuzamahuriro mu Urugaga rw'Amakoperative.

Ingingo ya 9: Kutabangikanya imirirmo mu nzego z'umuryango z'Amakoperative

Iyo bamwe cyangwa abayobozi bose ba Koperative y'ibanze batorewe guhagararira Koperative mu Ihuriro, bongeye gutorerwa kujya mu nzego z'Ihuriro, icyo gihe imyanya bari baratorewe muri Koperative y'ibanze yabo yongera gutorerwa bundi bushya.

Iyo abayobozi b'Ihuriro batorewe guhagararira iryo Huriro mu Mpuzamahuriro, bongeye gutorerwa kujya mu nzego z'Impuzamahuriro, icyo gihe imyanya bari baratorewe mu Ihuriro yongera gutorerwa bundi bushya.

Iyo abayobozi b'Impuzamahuriro bahagarariye iyo Mpuzamahuriro mu Urugaga, batorewe kujya mu nzego z' Urugaga, icyo gihe imyanya bari baratorewe mu Mpuzamahuriro yongera gutorerwa bundi bushya.

Ingingo ya 10: Uburyo bwo gutora

Amatora mu makoperative y'abamotari ashobora gukorwa mu buryo bubiri:
- Kujya ku murongo inyuma y'umukandida,
- Gutora mu ibanga.

Inteko itora ifite uburenganzira bwo guhitamo bumwe muri ubwo buryo uko ari bubiri.

Ingingo ya 11: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa

Aya mabwiriza ajyanye n'amatora mu makoperative akora umwuga wo gutwara abantu ku mapikipiki, atangira gukurikizwa ku munsi ashyiriweho umukono.

Kigali, ku wa 27/04/2018

Joseph Nzakunda
Umuyobozi w'Agateganyo w'Ikigo cy'Igihugu
gishinzwe guteza imbere Amakoperative